

### **ITANGAZO**

Hashingiwe ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 26 kanama 2020 no ku "Mabwiriza agenga ifungurwa ry'ibigo byakira abakerarugendo n'abandi bashyitsi muri iki gihe cya COVID-19 yatangajwe muri Gicurasi 2020, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rwishimiye gutangaza aya mabwiriza areba ibikorwa by'ubukerarugendo, inama n'andi materaniro (MICE):

1. Ibikorwa by'ubukerarugendo ku batuye mu gihugu n'abanyamahanga bizakomeza, hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda ubwandu bw'icyorezo cya COVID-19.
2. Ba nyiri ibigo n'ababacunga ni bo babazwa igihe icyaricyo cyose ibirebana n'uburyo ababagana bubahiriza amabwiriza yashyizweho na Minisitiri y'Ubuzima.
3. Utubari TWOSE, harimo n'uturi muri resitora cyangwa amahoteri tuzakomeza gufunga.
4. Resitora, zaba izo mu mahoteri cyangwa izihariye, zemerewe gutanga ibinyobwa bisembuye ARIKO ku bantu bicaye gusa kandi bamaze kwaka amafunguro.
5. Aho abantu binjirira hose n'imbere mu kigo hagomba gushyirwa uburyo buboneye bwo gukaraba cyangwa umuti usukura intoki.
6. Abakiriya batambaye neza agapfukamunwa ntibemerewe kwinjira mu kigo.
7. Abakozi bagomba kuba bambaye neza agapfukamunwa igihe cyose bari mu kazi cyangwa bari ahagerwa n'abantu.
8. Ibigo bigomba gushyira ahantu hagaragara neza amatangazo agenewe abakozi n'ababagana arebana n'uburyo bwo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19, harimo gukaraba kenshi no guhana intera.
9. Ibigo bigomba gusiga intera ya metero imwe n'igice hagati y'intebe n'indi ndetse n'intera ya metero ebyiri n'igice hagati y'ameza n'andi.
10. Abantu bajya gusura Pariki z'igihugu bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bamaze kwemererwa gusura n'icy'uko bapimwe COVID-19 mu masaha atarenze 72 abanziriza uko gusura kandi byagaragaye ko batayirwaye. Abasura ahatari muri Pariki basabwa kubahiriza amabwiriza asanzwe yo kwirinda, harimo n'uguhana intera mu modoka.

11. Imodoka zakodeshejwe ngo zitware abakerarugendo zemerewe kuva no kuja muri Kigali ariko zisabwa kubahiriza amabwiriza asanzwe yo kwirinda
12. Abashaka gutegura inama n'amateraniro babisabira uburenganzira bandikira [info@rcb.rw](mailto:info@rcb.rw) bakanabimenyeshya ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze z'aho bashaka gukorera. Inama n'amateraniro bigomba kubahiriza amabwiriza asaba kutarenza 30% by'ingano y'ahateranirwa. Hemererwa gusa inama n'amateraniro bikorwa abantu bicaye.
13. Abatunganya inama n'amateraniro bazakira gusa abantu bapimwe COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 abanziriza iteraniro, kandi byagaragaye ko batayirwaye. Igiciro cyo gupimwa cyishyurwa n'abipimisha.

Ibigo byose byakira abakerarugendo n'abandi bashyitsi bisabwa kubahiriza amabwiriza y'isuku no kwirinda ikwirakwizwa rya COVID-19 atangazwa na Minisiteri y'Ubuzima na RDB. Abatayubahiriza bazafungirwa ibigo byabo nta nteguza.

Byemejwe na,



**Clare Akamanzi,  
Umu-yuboz-i Mukuru**

